

REPUBULIKA Y'U RWANDA



MINISITERI Y'UBUHINZI N'UBWOROZI

IKIGO CY'IGIHUGU GISHINZWE GUTEZA IMBERE
UBWOROZI N'IBIKOMOKA KU MATUNGO (RARDA)

UBWOROZI BW' INGURUBE



REPUBULIKA Y'U RWANDA



MINISITERI Y'UBUHINZI N'UBWOROZI

IKIGO CY'IGIHUGU GISHINZWE GUTEZA IMBERE
UBWOROZI N'IBIKOMOKA KU MATUNGO (RARDA)

UBWOROZI BW' INGURUBE



IBIRIMO

AKAMARO KO KORORA INGURUBE	4
KUMENYA GUTANDUKANYA AMOKO Y'INGURUBE YORORERWA MU RWANDA	5
GUHITAMO UBWOKO BWO KORORA	7
GUHITAMO IMFIZI CYANGWA INYAGAZI Y'ICYORORO	7
IKIRARO CY'INGURUBE	10
IMIRIRE Y'INGURUBE	15
KUBUNGABUNGA UBUZIMA BW'INGURUBE	18

AKAMARO KO KORORA INGURUBE

Mu matungo yose yororerwa mu rugo, ingurube ni ryo tungo ribyaza umusaruro utubutse ibyo iba yariye kurusha ayandi matungo, kubera ko uko irya ari na ko yiyongera ibiro byinshi kandi vuba; ni ukuvuga ko ibiryo byose iriye biyiyoboka.

Ingurube irya ibiryo byose uyihaye : ibisigazwa byo mu gikoni, ibiryo bikomoka ku bikatsi, ibituruka ku mavuta, ku miceri, ku masukari, ku bworozi bw’amafi kandi bikayigirira akamaro. Ibyo bishobora kuzuzwa n’inyama, ibyatsi, ibinyampeke n’imbuto.

Ingurube imwe n’ibibwana byayo bishobora kugera ku musaruro munini ku mwaka iyo ari ubwoko bwiza kandi zigaburirwa neza. Ingurube ishobora gutanga ibiro by’inyama bingana n’igihumbi na magana atandatu mu mwaka (kg 1.600).

Ingurube itanga ifumbire ikoreshwa mu mirima kugira ngo umusaruro wiyongere.



Ifumbire yaturutse mu bworozi bw’ingurube imwe mu gihe cy’amezi atandatu gusa

Umworozi agomba kumenya ko ingurube itagomba gutungwa n’umwanda nk’uko abenshi babyibeshyaho; ingurube itunzwe no kurya imyanda no kuyibamo iba irwaye inzoka nyinshi n’utundi dukoko ku mubiri wayo bityo bigatuma inenwa, ntitange umusaruro ugagarara kandi ishobora kwanduza abantu indwara.

KUMENYA GUTANDUKANYA AMOKO Y’INGURUBE YORORERWA MU RWANDA

1. Ubwoko bw’ingurube nyarwanda: ingurube nyarwanda igira uruhu rw’umukara, rimwe na rimwe uvanze n’amabara y’umweru. Agahanga ni kagufi, ikinwa ni kirekire, amatwi ni matoya akaba yemye cyangwa aryamye ariko ntatendera. Uruti rwayo ni ruto, amaguru ni maremare kandi afite umubyimba muto.

Ubu bwoko burwanya indwara, bwihanganira ubushyuhe, bwemera indyo iyo ari yo yose.

Ubwo bwoko bw’ingurube bubwagura hagati y’ibibwana 8-10, bubwagura kabiri mu mwaka. Urubyaro rwa mbere ruboneka ingurube ifite umwaka n’igice (amezi 18) cyangwa imyaka ibiri (amezi 24). Iyo ngurube ikura buhoro, igira ibiro 120 yujuje umwaka n’igice. Inenge yayo yindi ni uko iyo ikuze igira ibinure byinshi, bigatuma umusaruro ugabanuka, na yo igata agaciro.

2. Ubwoko bw’ingurube zifite ibara ryera (Large White): ubwo bwoko bufite uruhu rwera, agahanga kanini gacuritse, ikinwa kinini, amatwi ni manini kandi arahagaze ; bufite umubiri munini ugizwe n’inyama nyinshi, amaguru yabwo ni manini kuko agizwe n’inyama nyinshi. Ubwo bwoko bugerageza kurwanya indwara, ariko busaba kugaburirwa neza cyane.

Ubwo bwoko bw’ingurube bubwagura hagati y’ibibwana 10-12, kabiri mu mwaka. Iyo ngurube ibwagura ubwa mbere ifite amezi 12, ikura vuba, igira ibiro 70 ku mezi 5, itanga umusaruro w’inyama mwiza cyane, ariko ikenera isuku no kugaburirwa neza cyane.

3. Ubwoko bwitwa Landrace (soma Landiresi): na bwo bufite uruhu rwera, agahanga karekare kandi kabyimbye, amatwi manini atendera. Umubiri wayo ni muremure ugereranyije n'ingurube y'ibara ryera (Large White).

Ubwo bwoko ntibufite ubushobozi buhagije bwo kurwanya indwara ariko umusaruro ni mwiza cyane kurusha n'uw'ingurube y'ibara ryera (Large White). Umubiri w'iyi ngurube ni muremure haba mu butambike cyangwa mu buhagarike.

4. Andi moko y'ibyimanyi

- **Large White+Inyarwanda:** Irwanya indwara kandi itanga umusaruro ushimishije iyo igaburiwe neza.
- **Large White+Landrace+ Duroc:** Ubwo bwoko buherutse kugera mu Rwanda buturutse muri Irlande (soma Irilande) burwanya indwara kandi butanga umusaruro mwiza.



Iyi shashi yavutse kuwa 23/08/2008; nyuma y'amezi umunani irahaka kandi ipima ibiro 110

GUHITAMO UBWOKO BWO KORORA

Umworozi ahitamo ubwoko bw'ingurube yorora akurikije ubushobozi bwe:

- Niba adashoboye kuzibonera indyo izinogeye, ibiraro bisukuye, yorora ubwoko nyarwanda.
- Ashobora kubona ubwatsi buhagije n'ibisigazwa byo mu gikoni, icyo gihe yakorora ibyimanyi by'inyarwanda n'ubwoko bwa kijyambere.
- Ariko amoko meza yo korora ni ay'umwimerere kuko atanga umusaruro mwinshi ku mworozi ushoboye kuzitaho uko bikwiye; ni ukuvuga kuzigaburira indyo yuzuye kandi izinogeye, zikagira isuku ihagije, hakaboneka n'uburyo bwo kurwanya indwara.

GUHITAMO IMFIZI CYANGWA INYAGAZI Y'ICYORORO

A. Ibikoresho bikenerwa.

- 1) **Ibiranga ingurube, byoroheje bikoreshwa mu Rwanda ni:**
amaherena, aboneka mu bigo bicuruza imiti y'amatungo, cyane cyane muri AGROTECH. Iherena ryambikwa ku gutwi kw'igurube bityo rigafasha kutayitiranya n'indi.
- 2) **Ifishi y'ubworozi, yandikwamo ibiranga ingurube byose:** numero y'herena, igihe yavukiye.

Ibikenerwa kwandikwa no kumenywa muri iyo fishi ni:

a) Uburumbuke

- Umubare w'imbyaro;
- Umubare w'ibibwana bivuka kuri buri mbyaro;
- Umubare w'ibibwana bicuka kuri buri mbyaro;
- Umubare w'amabere.

b) Imikurire

- Uburyo ibibwana byiyongera ibiro kuva bivutse;
- Ibibwana bipimwa ubwa mbere bifite ukwezi kumwe, hanyuma buri kwezi kugeza ku mezi arindwi;
- Ibiro byiyongereyeho bigabanywa hagati y'iminsi yacyiyemo: ayo magarama iyo ari hejuru ni ho ingurube iba yunguka vuba inyama zikenerwa.

c) Imico

Ingurube, cyane cyane imfizi zifite amahane, zirarwana, ziratongana.

d) Kuvana mu bworozi ingurube zidafite umusaruro

Izigomba kuvanwa mu bworozi ni izi zikurikira:

- Izitiyongera ibiro;
- Imbyeyi zibyara byinshi cyane kuko zigira ibibazo by'amagurubegurube make zikananirwa konsa ibibwana byazo;
- Izifite ingeso mbi : ingurube cyangwa imfizi zigira imico mibi (kurwana, gutongana, ubugome...), izo zikurwa vuba mu bworozi.

e) Imyororokere

Imfizi itangira kwimya ifite amezi umunani; ishashi ishyirwa ku mfizi ifite amezi arindwi. Inyagazi ihaka amezi atatu, ibyumweru bitatu n'iminsi itatu.

Icyitonderwa: *ibibwana bipimwa ibiro hagamijwe gutoranyamo ibitanga umusaruro, bigomba kuba bingana, bifite igitsina kimwe, bikaba ari iby'ubwoko bumwe.*

Inyagazi igomba kubona amazi meza kandi ahoraho, icyari cyiza gisukuye, indyo yuzuye;

Iyo ibibwana bivutse bigomba gukurwa amabwene (canines) kugira ngo bidakomeretsa nyina igihe byonka;

Ibibwana bikonnye bikenera isaso nyinshi kandi mu kiraro ntihagomba kubamo umuyaga mwinshi. Nyuma y'icyumweru kimwe bimaze kuzuza iminsi umunani bihabwa inombe isukuye; bavanga sulfate de fer (soma silifate de fer) mu itaka, bakabiha kugira ngo bitagira ibibazo byo kubura amaraso nyuma y'ibyumweru bibiri.

Nyuma y'ibyumweru bibiri, ibibwana bihabwa indyo ikungahaye ku ntungamubiri kugira ngo isimbure ariya magurubegurube ya nyina aba yatangiye kubura. Ibibwana bicutswa nyuma y'amezi abiri, nyina ikaba ari yo ivanwa mu bibwana.



Ibibwana byujuje ibyumweu bibiri

IKIRARO CY'INGURUBE

Mu kiraro hakenerwa umwanya wo kwinyagamburiramo, umwuka mwiza, isuku, ahantu hakomeye kandi hari n'umuyaga.

Ibipimo by'ikiraro

- Imbyeyi n'ibibwana byayo : $m^2 10$
- Inyagazi : $m^2 2,5$
- Imfizi : $m^2 15$
- Ingurube zikonnye : $m^2 2$

Buri gihe hagomba guteganywa umwanya utubatse kugira ngo ikiraro cyagurwe bibaye ngombwa.

Ikiraro gishobora kubakwa n'ibiti mu mwanya w'matafari ahiye iyo umworozi afite amikoro make, hasi agakoresha beto ku bipimo bingana n'umufuka 1 w'isima ku mifuka 2 y'umucanga n'imifuka 3 y'amabuye mato mato. icyo gihe hagomba kubaho ubuhaname kugira ngo amaganga ajye asohoka aho kureka aho iryama.

Na none, ikiraro gishobora kuba cyubakiye hejuru ariko hakoreshejwe imbabari zikomeye zijya mu mwanya wa beto twavuze haruguru. Ikiraro cy'imbyeyi kigomba kuba gishinzemo ibiti bigitandukanya n'aho ibibwana bikivuka bizajya biba kugira ngo nyina itabiryamira mu gihe cyo kubwagura cyangwa cyo konsa .

Imbehe n'igikoresho cyo kunyweramo

Imbehe n'igikoresho cyo kunyweramo bigomba kuba bikozwe mu giti gikomeye. Ibyiza ni ukubikora mu giti kiremereye ku buryo ingurube itagisunika ngo gihirime igihe cyose ishakiye. Ibyo bikorwa mu ishusho y'umuvure mutoya.



Imbabari zigomba gukoreshwa mu kubaka ikiraro cy'ingurube

Icyitonderwa: nta myenge minini igomba kuba hasi hagati y'imbabari kugira ngo ingurube itavunika ikirenge giseseyemo.



Ibiraro byubatswe hasi ariko hasize sima ikomeye ikwiriye ibikandagizo by'ingurube kuko zikunze gucukura kubera ibiro byazo byinshi ugereranyije n'uturunge dutoya



**Kino kiraro cyubakiye hejuru, hari ubuhaname bwo kumanura amaganga hasi.
Imbabari zigeze hejuru kubera ikibazo cy'abajura**



**Ikiraro cyubakishije amatafari ya rukarakara, hejuru hakaba hari imyanya
itanga umwuka**

Izi ni ingero z'ibiraro byubatswe nabi cyane ku buryo bitagomba kwiganwa



Ikiraro cyubatswe nabi, ahenshi imbabari zasimbujwe uduti duto. Imyenge iri hagati y'utwo duti ni minini cyane ku buryo ibibwana byanyuramo bikagwa hasi bigapfa cyangwa bikavunika



Ikiraro cyubatswe nabi cyane; reba imyenge minini cyane hagati y'ibiti, ku buryo ibibwana byacamo



Ikiraro kidasakaye, ingurube ihungabanywa n'izuba



Ibi biraro birafunganye, ntibyubakiye hejuru ku buryo ingurube zibamo zigaragura mu byondo. Akenshi zirasohoka



Iyi ni imbehe ikozwe mu gice cy'ikijerikani; ni mbi kuko ingurube yayihirika uko yishakiye



Iyi mbehe ni mbi ikozwe mu gasafuriya k'icyuma ingurube yahirika



Iyi mbehe ikozwe mu matafari ahiye, ni nziza, yubakiye ku nzu, irakomeye

IMIRIRE Y'INGURUBE

Ubwatsi bugaburirwa ingurube bugomba kuba bworoshye, bukiri butoto; indyo igomba kuba ifite intungamubiri zose za ngombwa ingurube ikenera.

Indyo igomba kuba iseye cyangwa ikasemo uduce duto duto kuko amenyi y'ingurube aba atarakomera kugeza ku mezi atatu. Muri rusange, igifu cy'ingurube kiroroshye ntabwo gikomeye nk'icy'inke, ihene cyangwa intama. Iyo ndyo igomba kuba ikungahaye ku munyu wa fosifore na kalisiyumu, kugira ngo amagufa y'ingurube akomere.

Amoko atandukanye y'ibiryo bigaburirwa ingurube

A. Ibiryo bisanzwe bigaburirwa ingurube ariko bidatuma zikura vuba

1. Ibisigazwa byo mu gikoni: ingurube zirabikunda ariko hagomba kuvanwamo ibikombe, amashashi, n'amacupa;
2. Ubwatsi: amakoma cyangwa insina; birazikomera ariko ingurube zirabyihanganira iyo zongerewe ibindi biryo.
 - Ibinyampeke: ibigorigori, tiribusakumu (*tripsacum laxum*), setariya, penisetumu (*pennisetum*), ariko bitangwa bikiri bitoto ni ukuvuga bitararaba.
 - Ibinyamisogwe: desimodiyumu (*desmodium*), Mukuna, sitilozantese (*stylosantes*), kaliyandara (*caliandra*), luzerine (*luzerne*), n'ibindi birakenerwa cyane kuko bitanga inyubakamubiri (protéines) zituma ingurube zikura vuba.
3. Ibisigazwa byo mu nganda zitunganya ibikomoka ku buhinzi: ibisigazwa by'ingano n'iby'ibigori, ariko kubera ko bikomera cyane, bikoreshwa inshuro nke, bivangwa mu biryo ku rugero rwa 1/3. Hari kandi ibisigazwa byo mu nganda zitunganya inzoga bikungahaye ku ntungamubiri.

B. Ibiryo bifite intungamubiri zuzuye

Ibyo biryo biba bigizwe n'ibi bikurikira:

- Ibinyampeke: ibigori, umuceri...;
- Ibinyamisogwe: amasaka, soya, ibishyimbo, amashaza...;
- Ibinyabijumba: ibijumba, ibirayi, imyumbati, ibisheke...;
- Ibisigazwa mu bihingwa: ibisigazwa by'ipamba, iby'ubunyobwa, melase (*Mellasse*)...;
- Ifu y'inyama, y'amaraso, y'amagufa, y'amafi...;
- Intungamubiri...

Urugero rw'ibipimo by'ibiryo n'uburyo bitegurwa

Ibibigize	Urugero rukoresha ku myumbati yonyine	Urugero rukoresha ku myumbati ivanze n'umuceri
- Imyumbati yumye	kg 76	kg 41
- Ifu y'ibisigazwa by'umuceri	/	kg 20
- Ibisigazwa by'umuceri (Son de riz)	/	kg 20
- Ibisigazwa by'ubunyobwa (Tourteaux d'arashides)	kg 15	kg 12
- Ifu y'amafi	kg 4	kg 2
- Ifu y'amaraso	kg 2	kg 2
- Ifu y'amagufa	kg 2,5	kg 2,5
- Umunyu	kg 0,5	kg 0,5
Total	kg 100	kg 100
Ibiryo byatunganyirijwe mu nganda kandi byongerewe intungamubiri (Concentrés vitaminiques).	g 150	g 150
Méthionines	g 50	g 50

Ibigize iyo ndyo muri rusange :

- Ibitanga ingufu ni 70%
- Ibyubaka umubiri 15%
- Ibitanga vitamini n'ibikomeza amagufa ni 2%.

Hashobora gukoreshwa ishwagara n'amagufa n'ibishishwa by'amagi bimaze gutwikwa kandi biseye, cyane ku bibwana. Iyo ifu y'amaraso n'amafi bibuze, hakoreshwa ibyatsi bikungahaye mu ntungamubiri. Ni yo mpamvu gutera uduti nka Kaliyandara (*Calliandra calothyrsus*), Sesibaniya (*Sesbania*), lesena (*Leucaena leucocephala*) mu murima bigira akamaro.

Ibishishwa by'imyumbati, by'ibijumba bigomba guhabwa ingurube bitetse.

Urugero rw'ibiryo bitangwa hakurikijwe ibiro by'ingurube

Ibiro ingurube ipima	Ibiro by'ibiryo igaburirwa
kg 20	kg 1
kg 30	kg 1,4
kg 40	kg 1,8
kg 50	kg 2,2
Hejuru ya kg 50	kg 2,5

Kuva ingurube igejeje ku biro 70 igipimo cy'ibiryo ntikigomba kurenza ibiro 2,4 kugira ngo idakomeza kwiyongera ibinure.

KUBUNGABUNGA UBUZIMA BW' INGURUBE

Kurinda ayo matungo indwara.

- Ingurube zigomba kororerwa ahantu hasukuye;
- Umworozi agomba kurwanya inzoka n'udukoko two ku mubiri;
- Ingurube zigomba gusasirwa hakoreshejwe ishingye cyangwa ibarizo. Aho iryama hagomba kuba hacuramyeye kugira ngo amaganga amanuke yoye kureka aho iryama.

- Iyo iryama hejuru ku mbaho, hagomba gusigazwamo utwenge duto kugira ngo amaganga acemo. Na none hasi aho ayo maganga atembera naho hagomba kuba hacuramye.
- Isaso igomba kuvanwa mu kiraro byibura gatatu mu cyumweru;
- Kabiri mu mwaka hagomba koga hakoreshejwe ishwagara; mbere cyangwa nyuma yo kubyara ikiraro cyoga hakoreshejwe kirolini 5%.

Indwara zikunze kugaragara mu ngurube

1. Udukoko ku ruhu

Utwo dukoko dutera ingurube kwishima cyane ku buryo yikuba cyangwa yishima cyane kugeza aho ikomerekeye. Iyo ndwara irandura cyane, igomba kuvurwa ikigaragara. Iyo ndwara iterwa n’udukoko twitwa «Psoroptes» cyangwa «Sarcoptes», tugaragara kuri mikorosikopi. Mu kuvura iyo ndwara, hakoreshwa cyane umuti witwa «Amitix» cyangwa «Ivermectine».

2. Inzoka z’imbere mu mubiri: inzoka mbi ni asikarisi na teniya.

Uburyo bwo kuzirwanya mu bworozu

Ku birebana na asikarisi

- Ahari isima, hagomba kozwa buri muni;
 - Guha inyagazi imiti y’inzoka hasigaye iminsi 15 ngo ibwagure, kugira ngo itanduza ibibwana;
 - Koza ingurube mbere y’uko ibwagura;
 - Guha ibibwana imiti y’inzoka ibyumweru bibiri, hanyuma ukongera buri mezi abiri n’igice;
 - Kongera guha inyagazi imiti icukije.
- Imiti ikunze gukoreshwa ni «Albendasol», «Ivermectine», ni yo miti ivura inzoka nyinshi icya rimwe, ariko hari n’indi nka «Piperazine» (ivura asikarisi gusa), «Mebendazol» (ivura asikarisi, n’inzoka zitwa strongle).

Kuri teniya

- Kutituma ku gasozi;
- Kororera mu kiraro;
- Kuvura inzoka mu bantu;
- Kurya inyama z'ingurube zitetse neza zigashya.

Imiti ikoreshwa ni «Ivermectine», «Albendasol» na «Yomezan».

3. Rouget (soma ruje) : Iyo ndwara iterwa na mikorobi, ishobora kwanduza umuntu n'ayandi matungo rimwe na rimwe.

Ibimenyetso byayo ni ibi bikurikira: ingurube igira umuriro mwinshi, kugeza kuri dogere 42; iraryama ntiyongere kurya.

Mu bice by'umubiri byoroha nk'amatwi, ku matakano no ku nda, hazaho ibiziga by'amaraso, n'amabara atukura, ayo mabara asibangana gato iyo bayakanze n'urutoki. Ingurube iyo itavuwe ipfa nyuma y'iminsi 2-4. Iyo babaze ingurube yishwe n'iyo ndwara imbere mu nda hose haba hari utudomo dutukura .

Mu mpeshyi, iyo ndwara igaragaza ibimenyetso by'umweru aho gutukura. Iyo ingurube ipfa nyuma y'amasaha 12-24. Ingurube n'iyo yaba ikize ishobora kurwara indwara y'umutima cyangwa igakomeza kubyimba amaguru.

Uburyo ingurube ikunda gufatwa n'iyo ndwara:

Iyo mikorobi ikunze kuba mu mubiri igihe kirekire; iyo habonetse ikiyihungabanya, indwara ihita yigaragaza.

Icyitonderwa: iyo ndwara ntikunda gufata ibibwana, ifata ingurube zifite hagati y'amezi atatu n'imyaka ibiri.

Uko umworozi abyifatamo: iyo indwara igaragaye, umworozi akoresha «Penicilline», akenshi iba ihagije. Imiti igizwe na Kalisiyumu na yo ni ngombwa kuko ifasha mu kongera gukomeza amagufa yahungabanyijwe n’indwara. Habaho kandi n’urukingo kuva ku mezi 2. Inyagazi buri gihe uko icukije igomba gukingirwa, imfizi ikingirwa buri mezi 6. Umworozi yirinda gukingira inyagazi zihaka.

4. Guhitwa kw’ibibwana by’ingurube

Uko guhitwa guterwa n’impamvu zikurikira :

- Kurya nabi
- Kororera habi
- Mikorobi

Uburyo bwo kurwanya impiswi :

- Umworozi agomba koza inyagazi no gutera imiti mu nzu mbere y’uko ibwagura kugira ngo ibibwana bidahura na mikorobi nyinshi.
- Guha inyagazi umuti w’inzoka kugira ngo itazanduza ibibwana byayo.
- Gutuganya akazu k’ibibwana gashyushye, aho byaba mu gihe cy’iminsi 15.
- Gutera ibibwana urushinge rwa «infero» ku munsu wa 15, «ferkobsang» ku munsu wa 15 kugira ngo babifashe gurwanya ibihe bibi igihe cy’icyumweru cya kabiri n’igihe cy’icuka. Kugaburira neza inyagazi kugira ngo ibibwana bibone amagurubegurube ahagije.
- Kudahubukira gucutsa ibibwana :
 - Gukura ingurube mu nzu ibibwana bikayisigaramo byonyine iminsi mike.
 - Kudashyira ibibwana by’ingurube byinshi mu nzu imwe.

Ukeneye ibindi bisobanuro yabariza aha hakurikira:

*Ikigo cy'Igihugu Gishinzwe Guteza Imbere Ubworozi
n'Ibikomoka ku Matungo (RARDA)*

Agasanduku k'iposita: 804 - Kigali

Tel: (+250) 55109814; (+250) 55106073; 0788471172

Email: infos@rarda.gov.rw

***Iyi mfashanyigisho yatewe inkunga n'umushinga PASNVA ukorera
muri MINAGRI***



Icapiro PROGRAPH